# 103: Kera nari mw isayo Y'ibyaha

1.
Kera nari mw isayo Y'ibyaha ngira ngo Nd' uw'Imana, ndi mwiza; Nyuma, nsanga nibeshya.

Ref:
Imana yanjye Yarandokoye Ubu,ni Yo nsingiza Kuko yankijije.

2.
Nuko Yes' ansangamo,Mbyigaraguramo, Ati : Mwan' unyemere, Ngutabare, ngukize !

3.
Haz' Umwuka Wer' u’bwo Mu mutima wanjye, Mbona ko nacumuye; Ndihan' arandokora.

4.
Mana, ndagushimira Yuk' Umwana wawe Atandetse ngo nzapfa Nkiri mu byaha byanjye.

5.
Reka njye nkuyoboka;Nta wundi nifuza. Noneh' unyiharire; Mwami Yes' untegeke.

6.
Nahatswe na Satani;Nta cyiza yampaye; Amp' urupfu rw'iteka ; Ni kw ahemb’ ingabo ze.

7.
Ariko, Mucunguzi, Wowe wangabiye Ubugingo ku buntu, Buva ku Musaraba.

Visit us at indirimbo.com